# IBARUWA IFUNGUYE KURI PEREZIDA W'I-SHYAKA P.L.

KA021501

Abavuye mu byabo
C/O Komini Kinigi
RUHENGERI

Kinigi, le 17/11/1991
Kuri Bwana MUGENZI Yusitini
Perezida w'Ishyaka P.L.
KIGALI

IMPAMVU:Ibaruwa ifunguye itumira.

Bwana Perezida wa P.L.,

Twe abaturage baturutse muri za Komini Kidaho, Butaro, Nkumba, Mukingo na Kinigi tubandikiye tubanjye kubaramutsa. Nimurambe muri uru Rwanda rurangwa muri iki gihe n'umwuka w'amashyaka menshi. Twe aho turi hano twahungiye muri Kinigi, amakuru y'u Rwanda atugeraho biruhanyije. Nta radiyo tugira, abari bagafite abo muziranye barakitwariye.
Niyo tugize aho tuyivumba, urusaku rw'amasasu, amabombe na za katiyusha ntibituma duhumeka ngo tuyumve. Ariko muri iyi minsi twumvise ko mwatangiye porogaramu yo kuzenguruka u Rwanda rwose mumenyekanisha hose amatwara y'Ishyaka ryanyu P.L.

Niyo mpamvu tubandikiye tubasaba ko byanze bikunze mwashyira kuri gahunda y'ingendo zanyu umwanya wo kuzadusura. Kudusura ni ngombwa kuko ngo n'Ishyaka ryanyu nta kindi riharanira atari ukwishyira ukizana kw'ikiremwa muntu kandi natwe turi abantu. Kumenya icyo mutekereza ku mibereho yacu y'ubu no mu bihe bizaza byadushimisha.

Niba kugera mu Kinigi byabagora muzadutumeho tuzahurire kuri Sitade ya Ruhengeri, dusabane n'abandi bavandimwe bacu ba Ruhengeri ndetse n'abadutera twumvise ko basabiwe imbabazi, bazaze twiyuzuze, arimwe biturutseho. Byadufasha.

Bwana Perezida wa P.L., muzi neza umutima mwiza usanzwe uranga abanyarwanda. Nta nzika itubamo ahubwo ino mu majyaruguru y'u Rwanda wowe n'abo mukorana, uhereye kuri mwene wacu MBONAMPEKA, mwadufasha kumvikana n'abaturanyi bacu. Dore ko dufiteyo n'abakwe benshi nabo kandi baradushyingiye, benshi twaciye ku nda none turabona ntacyo murigukora ngo twumvikane kandi ngo wowe hari ibanga ufite wihariye kuri iki kibazo ! Uzaze turishyire hasi, tugire amahoro.

Nta tariki twabona twabategeka kuva turi impunzi, kuri twe buri munsi, uramutse aba ari nko muri konji. Ari ku manywa ari nijoro, igihe cyose muzashaka muzaze, muzasanga turi maso, tubatege amatwi. Ngo muri P.L. higanje abaherwe twizeye ko muzatuvungurirahо. Tubaye tubashimiye.

Abavuye mu byabyo bari muri Kinigi.

# TWAMENYE ICYO MINISITIRI NZIRORERA APFA N'ABATUTSI.

Muri KANGURA y'ubushize twabagejejeho ibiganiro KANGURA yagiranye n'abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda aho bemezaga ko mu baminisitiri u Rwanda rwagize ntawe babonana ubushobozi bwo gusobanura ibibazo by'ubukungu mu nama mpuzamahanga nka Minisitiri NZIRORERA.

Muribuka ko n'abo bahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bemezaga ko ibyo amahanga adushimira ko twagezeho cyane cyane ibikorwa bya kijyambere by'ubwubatsi biboneka hirya no hino mu Rwanda ko ibyo byose byubatswe ku bwa Minisitiri NZIRORERA ubwo yayoboraga MINITRAPE. Ibyo byose rero byatumye abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bemera NZIRORERA, kuko bamusangana ubushobozi abandi batakunze kwerekana cyane cyane mu manama mpuzamahanga yakunze kujyamo guhagararira u Rwanda.

Ibyo ntagitangaza kuko usibye na NZIRORERA ubwe, mbere y'uko inkotanyi zitera u Rwanda zabanje gusebya abanyarwanda bose b'inyangamugayo, cyane cyane Abahutu bose zidasize n'abafasha b'imena ba HABYARIMANA inkotanyi zibonye ko icyo kinyoma amahanga amaze kugitahura, nibwo izo nkozi z'ibibi zifashishije ibinyamakuru byose byandikwa n'abatutsi byaba ibikorerwa mu Rwanda cyangwa se mu mahanga.

Dore ko muri urwo rwego kugeza ubu abatutsi ari bo bafite ibinyamakuru byinshi kubera gufashanya. Urugero rutari kure ni umututsi wigeze gufungwa mu by'inkotanyi witwa Kayiranga Marcelin akaba ayobora ikinyamakuru cya Gatabazi Felesiyani umunyamabanga mukuru wa P.S.D.

Mu ntwaro rero Gatabazi afite ni uguharabika abahutu bose cyane cyane abavuka mu majyaruguru kandi b'ibyegera bya Perezida; kubera ko Gatabazi yasanze ntabandi babishobora usibye inkozi z'ibibi z'inkotanyi yahisemo kujya asebya NZIRORERA abinyujije muri le Soleil, le Tribun du Peuple, Rwanda Rushya n'ibindi by'amafuti nk'ibyo byandikwa n'abatutsi usibye ko n'abitwa ko ari abahutu iyo bahawe amafaranga n'abo batutsi batabura guharabika bitwaje amashyaka bavugira. Muzakomeza kubona ibinyamafuti by'inkotanyi bisebya abafasha b'imena ba Perezida HABYARIMANA. Kandi mwibuke ko abahagarariye ibihugu byabo mu Rwanda bemeje ko abashinze amashyaka mu Rwanda babikoze bahubutse, bityo ntibabone icyatuma bazahangana na Perezida Habyarimana usibye gusebya abafasha be nawe batamuretse. Kubyerekeye abanyamakuru bo, barangwa n'ubuswa, ruswa no guharabika.

NGEZE Hassan.

# NGO UMUZUNGU YABA YARAGUZE MINISITIRI NZABONIMANA.

KA021502

Mperutse kunyarukira kuri Minisiteri y'urubyiruko n'amashyirahamwe nsanga hari abakozi bari mu giparu cy'ibyo babona bitagenda neza muri Ministeri yabo. Bamwe ngo ntibumva serivisi ikomeye nk'iy'amashyirahamwe yagumira aho itagira umuyobozi mukuru ndetse n'abandi bayobozi bamwungirije amezi agashira andi agataha (uwo hari mbere y'igabwa rishize). Abandi ngo umutegetsi wabo amarira umutungo w'imfashanyo z'amashyirahamwe ku mishinga yo mu karere k'iwabo cyangwa iyo we n'umuryango we bafitemo uruhare cyangwa imigabane. Ubwo ababizi nibo babisobanura neza kundusha. Bagerekaho ngo n'uko uwo mutware ategekesha igitugu, ibyo bikagaragarira mu byemezo afata ari ntawe agishije inama mu byegera bye ndetse amabwiriza amwe n'amwe akagenda yivuguruzanya bitewe n'inyungu z'ako kanya aba ashaka kurengera.

Mu bindi byari bihangayikishije abo bakozi nashoboye kumenya ko muri MIJEUMA hari umushinga RWA/88/010 ushyigikiwe n'ikigega mpuzamahanga cyita ku majyambere "PNUD" ugamije guteza imbere amashyirahamwe y'urubyiruko mu rwego rw'ubuhinzi ukorera mu gishanga cya Rugende-Rumira-Bahashyi. Uwo mushinga rero ubu ugeze aharindimuka kubera umufaransa witwa MONNET PAQUET uwucunga giswa. Kuva mu Kwakira 1989 utangiye kugeza uyu munsi ntacyo wari wageraho gifatika mu nshingano zawo; arizo:

- kubyaza ubutaka bwa hegitari magana abiri (200) bahawe na Leta n'amakomini umusaruro ushimishije;
- kubonera akazi nibura abasore n'inkumi igihumbi (1.000) muri ako karere;
- gushyiraho amashyirahamwe atajegajega y'ubuhinzi, acungwa neza kandi ku buryo bwa kijyambere n'umusaruro ukarushaho kwiyongera;
- gushyigikira no gufasha byimazeyo za koperative zari hafi 200 mu 1988 zigizwe n'urubyiruko rw'abantu 1750 zikorera mu makomini akikije igishanga cya Rugende;
- kubaka ibibandahori n'amazu yo kubikamo imyaka isaruwe no gutunganya neza aho igurishirizwa;
- gutuma ayo mashyirahamwe ashobora gukomeza ibikorwa byayo ubwayo ndetse bikiyongera igihe uwo mushinga wacyura igihe.

Nk'uko kandi bimenyerewe uwo muzungu ahembwa buri kwezi umushahara ugera hafi kuri miliyoni n'igice udashyizemo n'ibindi bamugenera ku buntu nk'imodoka n'inzu. Igice kinini cy'ako kayabo k'amafaranga agihabwa mu madovize. Ubwo kandi nta shuri yakandagiyemo, habe n'iry'ikigoroba; impamyabushobozi acungiraho ni iy'amatiku gusa.

Uwo mugabo ntiyigeze ashaka gufatanya n'abanyarwanda bagombaga kuyoborana nawe umushinga. Uwa mbere Boneza Gaspard yahavuye adakoza amaguru hasi.

Uwa kabiri Mwumvaneza Cyrille ufite impamyabushobozi ihanitse (maîtrise) mu mashyirahamwe n'ibya za koperative ari mu mazi abira ku buryo ari mu nzira yo kubisa uwo munyamahanga. Ntabwo yifuza nabusa gukorana n'izindi nzego za minisiteri urete ahari Minisitiri wenyine cyangwa Perezida wa Repubulika ubwe nk'uko yabigenje igihe yamwandikiraga ku itariki ya 22/7/1991 amubwira amangamvure asebanya gusa kandi atabifitiye uburenganzira n'ububasha. Mu kazi yoshya abakozi bo hasi ngo nibivumbure kuri uwo munyarwanda asesereza buri munsi kugira ngo ahave maze mwene madamu asigare adamaraye wenyine muri uwo mushinga afata nk'aho ari akarima ke bwite.

Imicungire y'umutungo yo ntawarubara; upfushwa ubusa ku buryo buteye isoni. Buri kanya ngo ni ukwiga aho umushinga ugeze kandi bigakorwa n'abatekinisiye baturutse ikantarange nyamara ubwo hafi aho hari abahanga muri iryo genzura batatwara amafaranga menshi. Kwivanga mu bikorwa bigenewe nk'ibindi bigo by'ubushakashatsi bwuzuye mu by'ubuhinzi no kwigerekaho imirimo itari ngombwa ni bimwe mu bihombya uwo mushinga wa Leta. Hari nk'abakozi ba burebure birirwa barya uburo mu biro bahabwa imyanya mu buryo budafututse maze bakagerekaho no guhembwa ibya mirenge. Nyamara ubwo abirirwa mu bishanga bavunika, bakora n'akazi k'imbaraga n'ak'ubwenge bafitemo ubumenyi n'ubushobozi bihagije ntibagire n'ikuta ritoboye ryiyongera kuri serumu yabo isanzwe. Nk'ubwo nibasuzuma ibyo uwo mushinga wagezeho bazibanda ku biri mu mpapuro cyangwa ku bikorwa bigaragara hanze? Akenshi usanga n'izo mburamukoro zitunzwe no guhakirizwa kugira ngo zikomeze gukundwakazwa no gukungahazwa maze zigasuzugura abagize "umutima" w'umushinga mbese batuma ubaho.

Amafaranga atagira ingano yagombaga kugirira akamaro urubyiruko rw'abahinzi arigitishwa buri munsi n'uwo muzugu n'abo bayasangira; maze n'ayitwa ngo arakoreshejwe bikaba gusesagura. Nawe se ababitsi b'amashyirahamwe bazajya kuryoshywa mu kigo IWACU ngo barahugurwa nkaho ari nta handi babonera izo nyigisho ha make. Ni ngombwa se gukorera amanama mu mahoteli y'inyenyeri zingahe cyangwa gukoresha amaperereza ahenda ku iyagurwa ry'umushinga utarashinga n'imizi na mike aho watangiriye. Imodoka na moto byagombaga gukoreshwa biborera mu ma garaji no mu mangazini maze akazi n'abakozi bikahashengukira; byarimba bagakodesha cyangwa bagahabwa amafaranga y'urugendo kuri konti y'umushinga kandi bitari ngombwa.

→

Ubundi nk'uko nabivuze haruguru uwo mushinga ufite inshingano yo guteza imbere amashyirahamwe n'ubuhinzi ubwabwo; ariko kuva mu myaka irenga ibiri utangiye nta cyakozwe kigaragara: nta gahunda y'ibikorwa yigeze yerekanwa, ingirwamahugurwa yakorwaga nabi, abakozi ntibahagije kandi n'abahari bakoreshwa nabi, abaturage b'ako karere ntibashaka kwitabira uburyo bushya bwo kongera umusaruro kuko abashinzwe umushinga n'abakozi bawo batabasobanurira bihagije kandi ku buryo babyumva neza intego z'ibikorwa byose, ntibabagezeho amabwiriza yumvikana kandi ntibabamenyereze gukora mu mashyirahamwe.

Ayo marorerwa yose akorwa n'uwo muzungu ngo yaba yarageze kuri Minisitiri Nzabonimana kuko no mu ibaruwa ye n° 2174/15k.01 yo ku wa 30/7/1991 yandikiye uhagarariye PNUD amusaba ko Bwana Paquet yasimburwa kuko kontaro ye yari irangiye kandi itagomba kongerwa kubera cyane cyane ubwumvikane buke n'amatiku byamuturukagaho yagiranaga n'abahagarariye inyungu z'u Rwanda.

Kopi y'urwo rwandiko yohererejwe Minisitiri w'imigambi ya Leta. Mu ibaruwa ye yo kuwa 28/8/91 uhagarariye PNUD yasabye ko bongerera uwo muzungu ho ukwezi kugira ngo abone uko akora raporo ye no kwitegura gutaha. Ibyo Minisitiri yarabyemeye mu rwandiko rwe n° 2168/15.01 rwo kuwa 9/9/91 ubwo yashyigikiraga n'igitekerezo bari bamugejejeho cyo gukoresha igenzura ry'imikorere y'uwo mushinga muri rusange ryari riteganyije ku wa 21/9/91. Ndetse mu nama yabo yo kuwa 10/10/91 abahagarariye PNUD, BIT, na Leta y'u Rwanda bafashe imyanzuro yerekana uko ibikorwa byose by'umushinga bizakomeza mu gihe uwo Paquet atarasimburwa ariko umuzungu we agahita akuramo ake karenge guhera tariki ya 18/10/91.

Ubwo ariko umufaransa we ntiyigeze abikozwa, yakomeje gukora nk'uko asanzwe, agasinya amadosiye yose, agatera icyokere mu kazi ndetse akirukana uko ashatse abakozi batamuri ku nzoka, akabavuyanga bigatinda kandi bikemerwa. Aracyakomeza no gucunga umutungo wa miliyoni nyinshyi anyereza uko yishakiye. Icyakora nyine ngo ntiyicaye ku busa, yamenye ko imbehe ye yubamye arahaguruka arasizora, arara amajoro ahondagura ku nzugi z'abategetsi bo hejuru n'abandi bantu bose bari babifitemo ijambo kugira ngo kontaro ye ikomeze kuzagera ahari ku mperuka y'isi. Ibyo kuba nyanyagizamo amadolari yabonye bidahagije agerekaho ibya politiki arimanganya ngo arazira ko ari umukwe wa Murego uyu wamaze igihe kirekire mu buroko azize ibya politiki maze aho afunguriwe akayoboka ishyaka rya MDR. Ubwo n'abagenzuzi bose b'uwo mushinga yari yaramaze kubigarurira akoresheje ifaranga n'amayeri, nibwo rero bemeranijwe ko ashobora kongera kumara undi mwaka azambya ibintu n'abantu. Hariho rero abibaza niba na Minisitiri Nzabonimana ataraguranwe n'abo bose kubona icyemezo yifatiye ubwe cyo gusezerera uwo munyamahanga udashobotse kivuguruzwa mu mafifiko. Cyangwa se nawe yayobewe uko abyifatamo abonye ikibazo gisa naho gishaka kumurenga.

Ndekezi Bonaparte.
Gisuma.

# ITANGAZO RYIHUTIRWA

Twari twateguye Dossier ikomeye ya Sosiyete S.G.P. igeze ahakomeye kuko ubu havugwamo byinshi. Muri iki gihe muri S.G.P. haravugwa nk'ubuhemu buri hagati y'abayishinze, kugeza ubwo havugwamo ubwicanyi. Iyo dosiye rero impamvu idasohotse kandi rubanda yari iyitegereje kuko ari na KANGURA yari yarayitangiye mu nimero yayo ya cumi yo muri Gashyantare uyu mwaka, impamvu tutayisohoye ni uko umuhanga mu by'amategeko wiga inzandiko za KANGURA mbere y'uko zisohoka ubu atarabona umwanya uhagije wo kubyiga. KANGURA ntiyakererwa ngo itegereze iyo nyandiko. Ubwo tuzabibagezaho tubicishe muri «Lettre ouverte» tuzandikira Perezida wa Repubulika. Ubugambanyi burimo tuzabutangaza.
MURAHISHIWE !!

# NIKI DUSHIMA SINGAYE ANDEREYA ?

*N'ubwo SINGAYE Andereya akomeje kugaragaza ubwenge bwe cyane cyane mu nyandiko yasohoye mu kinyamakuru cy'umupalanto ushinzwe gukorera Banki ya Kigali akaba yaranifashishije ikinyamakuru cy'umutekamutwe uzwi cyane mu Rwanda witwa KABONABAKE Tomasi cyitwa "ECHO DES MILLES COLLINES", rero ubu akaba abarizwa i Remera ya Kigali aho yigeze kuba umuserire akaza gukemangwa kubera gukorana n'abajura bamwe bayogoje umujyi wa Kigali bakoresheje za Gatarina.*

*SINGAYE ibyo ari byo byose amaze gutera indi ntambwe.*

*KABONABAKE amaze kubona ko iby'ayo mabandi abisimbutse dore ko ngo yanayacumbikiraga yitwaje ko ntawe uzamusaka kandi ari umuserire, yaje guhitamo gukorana na SINGAYE mu bwanditsi bw'ikinyamakuru; dore ko ari uwo mupulanto ukora muri Banki ya Kigali ari na KABONABAKE bose ari iri n'iri, SINGAYE aba agize ati ndatomboye niboneye ibirumbeti byo gukoresha.*

## Wari uzi ko!

*Mu gihe twateguraga iyi KANGURA [illegible] ko hagati ya NAYIMANA wa ORINFOR na MUGEMANA [illegible] MININTER [illegible] Bujumbura [illegible] NAYIMANA [illegible] MUGEMANA.*

KA02 1507
KA021507

# BURUGUMESITIRI MAYIRA WA KOMINI KIRAMBO ABATURAGE BE BARACYAMWIYAMA.

Nkuko Bwana Munyazikwiye Jacques, ubarizwa muri serire Munini, segiteri Tyazo, Komini Kirambo abitwandikiye adusaba kubitangaza muri Kangura kandi asaba Burugumesitiri wabo Mayira kuzagira icyo abihinyuzaho, uyu mugabo Jacques aremeza ko ibyo bakunda kuvuga ku mutegetsi wabo ko afata ku rumogi ari byo koko. Ararunywa ye!! Ndetse ngo nta kindi arunywera uretse ko ngo yibwira ko ruvura ubuhema. Ariko ngo iyo amaze gusomaho ahinduka nk'umusazi, akarara yirukanka mu modoka ku buryo ashobora kugera no ku Kibuye muri iryo joro atazi iyo ajya.

Munyazikwiye Jacques arakomeza yandika ko Kirambo idashobora gutera imbere igihe cyose Mayira akiyiyobora kuko imyaka 18 amaze ayiyobya ihagije. Mayira Mathias akwiriye gusobanurira abaturage aho yashyize amafaranga ibihumbi magana abiri (200.000 Frw) yagurijwe na Kanyamihare Ezéchias igihe yari Kontabure wa Komini Kirambo. Icyo gihe yayaguzemo moto suzuki itukura na Kazungu Jean Baptiste. Bitabaye ibyo Kanyamihare azayasubize kuko ntaho bigaragara ko yayagaruye mu isanduku ya Komini.

Mayira nagaragarize abaturage ba Komini ayobora aho yashize amafaranga yatanzwe n'abagira neza mu mishinga ikurikira: Korora inzuki bya kijyambere. Kubumba no gutwika amatafari bya kijyambere. (Fours améliorés). Uburobyi bw'isambaza mu Kivu (Projet péche). Yerekane aho yashize amafaranga Leta yatanze mu marushanwa yo gutera amashyamba no kurwanya isuri, ayo mafaranga ngo yaba arenga ibihumbi magana atatu (300.000 frw). Mayira yashize he ibihumbi mirongo ine na bibiri (42.000 frw) yagurishijwe ibinini byafatanwe Abashi bo ku IJWI byaguzwe na Munyakazi bahimba NTEMABITI. We nabo bafatanije basabwe kwishyura Komini amafaranga ahwanye n'ishyamba rya Komini baranduye aho bubatse station ya essence ndetse bagatanga n'amafaranga y'ubukode yose kubera ikibanza cya Komini bihaye.

Mayira Mathias nasobanurire rubanda rwa Kirambo uko yakoresheje amafaranga miliyoni eshanu (5.000.000 frw) yatanzwe n'umukuru w'Igihugu igihe yagendereraga Komini Kirambo kugira ngo isoko rizubakwe. Ayo mafaranga yaheze mu kirere, nyamara ngo vuba aha yaba yarariwe. Ababizi neza bavuga neza ko Mayira abifatanije na se KAGIMBANGABO bayakoresheje. Kubera ko amaze imyaka itanu muri Banki, inyungu zayo nizo baguramo ibyuma n'amabati ngo bizakora ku isoko ariko nabyo byatangiye kunyerezwa bijya kuri IGA irikubakwa kuri Komini. Murumva ko amafaranga yagenewe kubaka iyo IGA, Mayira ayikubitira mu mufuka.

Mayira Mathias nasobanurire abaturage impamvu abakozi ba Komini Kirambo badahembwa kandi Kirambo atari Komini ibuze umutungo muri Cyangugu ndetse no mu Rwanda hose. Burugumesitiri wa Kirambo nagerageze areke gukoresha imodoka ya Komini nkaho yabaye iye n'umuryango we cyane cyane umugore we. Iyo modoka wagira ngo niyo Kataryama ndetse ni nayo imaze umutungo wa Komini biturutse ku mafaranga menshi agenda kuri essence no mu garaji. Nawe se ngaho imodoka jugujugu no mu makwe za Gitarama, Kigali, Gisenyi, Butare? Ngiyo za Kibungo kureba abapfumu, za Nyakabingo mu bapfumu, naho ndetse Kirambo wagira imitsi mu myaka 18 uhanganye na Mayira!!

Munyazikwiye Jacques aremeza ko umutegarugori wa Mayira bavuga ko ari Kanjogera wazukiye mu Kirambo ku Munini ngo nawe atoroshye ngo kuko iyo yarize, ahora ari uko Mayira yirukanye umupolisi cyangwa undi mukozi utaragabye inka kwa shefu. Ngo ahasigaye abanyakirambo nta kindi bategereje uretse amatora ataha, rero ngo naho Mayira yizeye kuzakoresha amarozi.

Basomyi ba Kangura, musanzwe muzi ko ikinyamakuru cyanyu ari nta kindi giharanira atari gukangura no kuvugira rubanda nyamwinshi, ibyo tubagezaho byose twihatira kubyandika tumaze gushishoza, gupererereza, no kubishakira ibimenyetso. Abatwandikira batumenyesha ibitagenda neza mu karere batuyemo cyangwa se baherutse kugeramo siko byose tubitangaza kubera impamvu zinyuranye kandi zumvikana. Abatugezaho ibitekerezo bishaje cyangwa se ibigambo gusa nabo ntitubitangaza. Nimutwandikira rero mujye mushyira ahagaragara ukuri kose, nta gucisha iruhande kuko muri Kangura tudakoresha ubufindo. Bityo uzagira icyo avugwaho najya kwisobanura azajya avuga aho yarenganye ingingo ku yindi nta zindi mpaka. Iyo twandika igihe cyose twirinda inyandiko mpimbano. Twizeye ko Burugumesitiri Mayira Mathias ibyo bamuvugaho nawe ubwe asanga ari ukuri, twe dusanga twabitangaza kuko ari nta kundi twabigenza. Abafite ibyo mwandika Kangura yiyemeje kwakirana umutima mwiza inyandiko zanyu no kubitangaza ukuri kukanyura mu ziko ntigushye.

Hitimana Noël
C/O Kangura.

**Abagize ubwanditsi bwa Kangura:**

- **NGEZE Hassan**
- **RUBERA Papias**
- **KANDEKWE Papias**
- **ISSA Nyabyenda**
- **NDEKEZI Bonaparte**
- **HITIMANA Noël**

sahura bikubitiyeho n'ubujiji bwawe budatuma utekereza ibikorwa n'imishinga bizamura akarere. Nta mugayo n'akanama k'impuguke ka Komini wagashizemo abatayivukamo ngo bakubere ingabo ituma utanyagwa.

Wagira ngo na Prefe ubwe ntarabibona. Na ba Konseye barinumiye ngo ejo utazabubikira imbehe dore ko abaja ari abaja bawe wishyiriyeho nkuko wari wagabiye umututsi BAGAYINDIRO Samweli kuba umuselire adatowe n'abaturage. Yamaze igihe gito aragutamaza yiyegurira bene wabo Inkotanyi kuko yari azi kuva kera ko ubutegetsi bwabo nibugaruka ariwe uzagusimbura ku Bumburamatare. Wowe uti rwose Konseye nihatajya ho umuserire w'umututsi w'imbuza kurahira ntuze kumbwira ko wakoresheje itora! Ubwo wari wirengagije ko abatoye ari 99 % by'abahutu, none inkotanyi ziratumenesha mu byacu ubutitsa!

Umwanzuro:

Pfukama usabe imbabazi abahutu wasuzuguye niba warariye ku makotanyi maze ukabatsindagirira kuyoborwa bukotanyi n'uwo BAGAYINDIRO ubakozeho. Urahire ko usezeye utazongera kubategeka ukundi ko ahubwo ugiye kwikomereza ubucuruzi bwawe kuko imirimo ibiri yananiye impyisi. Gusubiza ibyo wariye Komini n'abaturage ku giti cyabo byo biragoye bigomba inkiko, gusa ba urekeye aho wegukomeza no gucuruza ibyemezo bitangirwa ubuntu ku bazahajwe n'intambara. Igihe kirageze ngo Komini KINIGI ibonerwe umuyobozi ujijutse kandi udafite ubugome n'umururumba nk'ibyawe bitatuma uhanyanyaza mu kuyobora iyi myiteguro yo kwinjiza mu gihe cy'amashyaka menshi. Ishyaka ryakwisunga wazaritesha umwanya bikomeye.

Umwe mu bahungiye intambara ku kigo cy'amashuri ya Nyange Komini KINIGI.

NDLR: Ushidikanya ko iyi nkuru atariyo, azakore iperereza maze ayinyomoze.

# ABATUTSI BARACYADUTEGEKA N'UBWO NTA KARINGA BAGIFITE.

Iyo dukurikiye neza amateka y'Igihugu cyacu, dusanga abatutsi barategetse u Rwanda ku buryo buziguye mu gihe cy'ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika; no ku buryo busesuye ku gihe cy'ubutegetsi bw'ingoma ya cyami. Mu mibereho yabo, abatutsi ntibigeze bishimira gutegekana n'abahutu mu mudendezo n'amahoro asesuye bizira uburyarya, kubera ubwiko n'ubwiyemere basa n'aho bavukanye. Ibyo bigatuma n'ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika batemera, biyemeza kubucengeramo no kubumunga ngo babone uko bagarura cyami yabo.

Muri Repubulika ya mbere rero abatutsi ntibategetse kuko bari gusubiza ku isuka Repubulika yacu yari ikivuka. Si ukuvuga ariko ko bari bahejwe mu gufatanya n'abandi banyarwanda kuko Nyakubahwa Grégoire KAYIBANDA yahoraga abingingira kugabanya ubukana bakumvikana n'abandi banyarwanda. Aho Repubulika ya kabiri y'ubumwe isezereye ubutegetsi bwa KAYIBANDA, abatutsi baratoneshejwe cyane ku buryo bugaragara. Iyo batagira ubwenge bucye ngo bagaragaze ubugome bwabo bananiza HABYARIMANA wabashyize igorora bakamuhekura bamwicira abana (dore ko abanyarwanda bose yari ababereye umubyeyi, yarababumbiye muri Muvoma) N'ubwo bwose batwituye inabi ikwiranye na kamere yabo, nta mwanya n'umwe w'ubutegetsi bari bahejwemo.

None ko bari biganje mu burezi, ubucamanza ari ubwabo, mu butegetsi bwite bwa Leta, mu bucuruzi, wagera mu buvuzi ugasanga aribo gusa; mu masosiyete no mu miryango duhuriyeho n'amahanga ikorera mu Rwanda ho ntiwahakora utari mwene NDAHIRO! Ibi byose biragaragaza ko abatutsi bakidutegeka, ibyo bikaba byaraboroheye muri iyi myaka 16 twari tumaze twibumbiye muri MRND. Sinakwibagirwa kandi kuvuga ko iyi ntambara ariyo yagaragarije abahutu ko abatutsi bari bamaze kwizera ko ingoma ya cyami izongera guhabwa inyegamo mu Rwanda. Nibasubize agasuzuguro kabo hasi amatora ashingiye kuri Demokarasi nyayo azabadukiza.

Abatutsi nibo bazanye ikibazo cy'amoko mu Rwanda (n'ubwo babeshyera abazungu) none ngo ubwoko nibukurwe no mu marangamuntu. Iyo batazana umuco wa gihake nta kibazo cy'amoko kiba kivugwa mu Rwanda. Umunsi bazaba baretse kwironda bazasabe ubwoko buhanagurwe mu marangamuntu yabo. Igihe rero batarabishobora nibakomeze ubututsi bwabo ndetse n'ababwiyambuye by'urwikizo bakurikiranwe n'ababafashije kubigeraho. Kuki ba batutsi batava ku izima (conservateurs) n'inkotanyi ari bo bashaka ko ubwoko buzimangatana mu marangamuntu?

Jyewe iyo ndebye nsanga ari yo mayere yonyine basigaranye yo kwiyoberanya (dore ko bo bamenyana) ngo bazagarure ingoma yabo u Rwanda nirumara kumera nk'icyuzi cy'amafi n'inzoka. Abategetsi babishinzwe cyane cyane intumwa za Rubanda baraturinde uwo mutego w'umwanzi. Tugira n'amahirwe abategetsi bacu babibwirijwe n'inkotanyi ariko batinda kubishyira mu bikorwa. Abadepite nibashaka gukiza ubwoko mu marangamuntu, bazabaze Rubanda yabatumye. Abatutsi bo bazabivugire muri PL ntacyo bishisha bakoreshe itora nta kotsa igitutu abategetsi. Iyo niyo Demokarasi.

Abatutsi bagira ubugome n'agasuzuguro batozwa kuva bakimenya ubwenge niba batabivukana. Uwashidikanya yazanyarukira i Kigali mu tubari twa Nyamirambo, akareba uko abahutu bahageze batotezwa, bagira ngo barakopfoye bagakubitwa. Abahutu tuzakomeza tugirire neza abagome kugeza ryari? Wirukankana umugabo kera ukamumara ubwoba. Abakijoga abahutu rero nabo bitegure kuko ubugwaneza bwabo bushobora kugira umupaka. Cyakora ni mu gihe nibakomeze badushotore! Nawe se wafatana umuntu imbunda ukamwita umwere ntagusuzugure?

Baranyeretse Moustapha.

